# Echo des mille collines

N° 1

70 Frw

BIMENSUEL INDEPENDANT

B.P. 1102 KIGALI-RWANDA


# IMPANDA

## Aba barakotanira kugarura Ingoma ya Cyami.








CENTRE DE FORMATION ET DE RECHERCHES COOP.
C.F.R.C.
B.P. 1313 - Kigali
RWANDA


**Ngo Ingoma turimo igeze i Bwidishyi?**

**Bwa bushizi bw'isoni bwa RAVI bwatumye asubizwa muri misiyo (1930).**

**Gusoma ECHO des mille Collines ni ukwiyongeramo ubwenge no gusobanukirwa muri byinshi.**


JUIN 1991

cyangwa muri Sesera. Inama si mbi, ikibi ni ugutukana. Nta cyiza nko kumva no kuzirikana inama tugirwa. Umunyarwanda yise umwana we NTAWIGIRA.

Zimwe mu ntiti tutacyumva mu nzego z'ubutegetsi kandi tuzi ko zakoreye u Rwanda. Yego hari n'abagikorera Leta, ariko ugasanga bakora imirimo igayitse gato ugereranije n'iyo bagombye kuba bakora ubu. Navuga: Muri Gisenyi BIRARA Yohani Berikimasi, BISHIRANDORA, HABAMENSHI Kalisiti. Muri Ruhengeri: HATEGEKIMANA Yohani Damaseni na MUNYARUKIKO Yohani Damaseni. Muri Kigali: umugabo NYALIHAMA wahoze ayobora SOMIRWA, kereka niba ari we wayisahuye, RUZINDANA Rafayire, NGIRABACU Yohani Batista wahoze ari Umuyobozi Mukuru wa RWANDEX mu Rwanda. Muri Byumba: NKURUNZIZA Karoli na SEMINEGA Fulujansi umwe abarundi bitaga SEMINYA. Muri Butare: NDUHUNGIREHE Kilizositomu, naho ibya GATABAZI Felesiyani byo twabitangarijwe n'inkiko aburana. Muri Gitarama: MBONYUMUTWA Yohani Mariya Viyani na Dogiteri GAFARANGA. Ku Kibuye: navuga nka NIYITEGEKA Eliyezeri uzwiho ubuhanga mu Itangazamakuru, kereka yaba azira ya dosiye ye na E.R.P. Ku Gikongoro: hari nka SINDAYIGAYA Fransisiko wahoze ari Ambasaderi na NDAGIJIMANA Selesitini wabaye Umuyobozi Mukuru wa C.E.R. nyuma akaba Umunyamabanga Mukuru muri za Minisiteri zigera kuri ebyiri. Muri Cyangugu: SINAMENYE wigeze kuba Perefe i Kibungo. Muri Kibungo: ho wagira ngo nta munyabwenge uhaba (kavukire) kuko nka bariya ba NDARUHUTSE Aderite na KANANURA Yuli bagombye kugaragaza ushobora kubahagararira muri Guverinoma, kuko hari abatangiye kwijundika Minisitiri CYUBAHIRO bavuga ko ari umwimukira muri Kibungo, ndetse hari n'abemeza ko akomoka mu majyepfo (SUD) y'Igihugu.

Abashinzwe kuvugurura MRND cyangwa abazagira Amashyaka yabo akabona amajwi (abayoboke bahagije) nibumve ko n'ibitekerezo cyagwa inama za bariya bagabo bavuzwe haruguru bikenewe. Bariya bagabo ni inararibonye, kandi baryamanye impamyabushobozi zihanitse. Si babandi b'aba D 4 birirwa baboroga ngo barashaka kwishyiriraho amashyaka batwizeza ibitangaza. Kubagenza-cyaha cyangwa abacamanza bazashiturwa n'iyi nyandiko nise «MBACIRE UMUGANI» maze bakumva ko umuti ari uwo kuntumiza kwisobanura, ndagira ngo mbibutse ko Perezida wacu atarwanya abandika bagaragaza uko ibintu byifashe. Arabikunda cyane, ariko adusaba gutanga umuti. Nibyo nkoze muri iyi nyandiko yanjye. None se yemeye kuvugurura MRND, yemera guharikwa n'andi mashyaka atabitewe n'impamvu ziboneka mu migendekere y'Inzego z'Ubutegetsi ayobora! Ahubwo nka kumwe abantu bagira batya bakabonekerwa, icyampa kuvugana nawe nibura iminota 5 gusa, namubwira irindi ku mutima ntashoboye kwandika muri iyi nyandiko.

Ubu nisabiye audience kuri Minisitiri NDINDIRIYIMANA Agusitini, nizeye ko azamungezaho. Uretse ko umwe mu banditsi (KANGUKA) aherutse kwihandagaza akandika yemeza ko Minisitiri wacu NDINDIRIYIMANA akorera ku bwoba. Nyamara jye siko muzi.

Nimba nkiriho nzabagezaho undi mugani wa kera mu nomero y'ubutaha. Mugire ijoro ryiza.

**KABONABAKE Tomasi**

# INYENZI-NKOTANYI ZATWIBYE UMUGONO ZIFATA UMUJYI WA RUHENGERI AMASAHA MAKE

Abaturage bo mu Ruhengeri cyane cyane abo muri Komini ya Kinigi bababajwe no kubona inyenzi-nkotanyi zarinjiye mu gihugu zikageza n'aho zifatira umujyi wabo wa Ruhengeri. Nyamara zikigera mu Kinigi, umuyobozi wa Komini Kinigi (Burugumestre Gasana) yahise abimenyesha Jandarumeri mu Ruhengeri. Aho guhita batabara mu maguru mashya bishyiriye agati mu ryinyo kugeza ubwo ziriya Nkotanyi zifatiye umujyi wa Ruhengeri na gereza izwiho ubutamenwa barayifunguye batwara abo bashakaga. Umubare nyamwinshi w'abaturage ba Ruhengeri, bababazwa no kuba inzego z'ubutegetsi zizi neza ko amaperefegitura nka Ruhengeri, yegeranye n'imipaka bakahavana abasilikare kabuhariwe bakabajyana ku Mukamira kandi Mukamira yegeranye n'ikigo gikomeye cya Bigogwe. Abaturage ba Ruhengeri barasaba ko basubizwa abasirikare bahoranye, Mukamira igahabwa abandi, kuko inyinzi-nkotanyi (abanzi b'igihugu cyacu) biyuhije mu mujyi wa Ruhengeri kugeza aho bafunguye gereza kubera gusuzugura abajandarume bari mu mujyi wa Ruhengeri. Kumupaka wa Cyanika no mu ishyamba rya Kinigi hagomba guhora harinzwe kabone n'iyo iyi ntambara turwana yaba yahosheje. Muri make ingabo z'u Rwanda zigomba guhora ziri maso, cyane cyane ku mipaka. Isomo turaribonye twese. Si ingabo gusa, n'abaturage tugomba guhora turi maso.

Ibyifuzo n'ibitekerezo bya rubanda nyamwinshi bikwiye kwakirwa bigasuzumwa kandi bigafatirwa ibyemezo bishimishije rubanda nyamwinshi. Hirya no hino mu gihugu hari aho abaturage baboroga bagaragaza ko Burugumesitiri wabo abamaze, ko ntacyo abamariye. Mu gihe iperereza ryerekanye ko ari byo, uwo akwiye kuvanwaho. I Cyangugu naho imiborogo nk'iyo irahari kuri Perefe waho KAGIMBANGABO, uretse yenda ko abanyacyangugu baba bifuza kuyoborwa n'umushi mwene wabo, kuko jye mperutse gutembera umujyi wa Cyangugu wose, nasanze KAGIMBANGABO yarabagejeje kuri byinshi, cyane cyane mu rwego rw'amajyambere, uretse urumuri (éclairage publique) rubuze ku mihanda yo mu mujyi, nyamara ngo Perezida wa Repubulika yabibemereye mu mwaka w'i 1989 na n'ubu bagitegereje.

Abaturage ba Ruhengeri na Byumba bo maze iminsi nsura, barasaba ko Minisitiri w'Ubutabera yabaha ibisobanuro bihagije kandi byumvikana ku kibazo cya bariya bari barafashwe bakekwaho ko ari ibyitso by'inkotanyi. Abantu bagera ku bihumbi 8 bari barafashwe, none bakaba bararekuwe! Abaturage, cyane cyane abo muri turiya turere dukomeje guterwa n'inyenzi-nkotanyi, baribaza niba koko Minisitiri NSANZIMANA yarasanze ari abere. Cyangwa niba ari Perezida wa Repubulika wamutegetse kubarekura bose nta kureba ugaragaraho icyaha, n'ubwo kidafata. Ndetse hari n'aberura

bakavuga bati: niba bose ari abere, ubugenza-cyaha, ni ukuvuga Parike, Jandarumeri n'Ibiro bishinzwe Iperereza, nibo babahohoteye, bityo bikaba biteye isoni ugereranije n'igihe tugezemo.

No mu kinyamakuru IKINDI, hari aho mperutse gusoma ngo aho bukera amaraso ya KAYIBANDA arakugaruka. Mu gihe twe tuzi neza ko yapfuye urw'ikirago aguye iwe mu rugo nk'uko buri wese ashobora gupfa, uriya wanditse ariya magambo tumusabye kuzatumenyesha uwo yegekaho ayo maraso n'uko abizi.

**KABONABAKE Thomas.**

---

# PEREZIDA HABYARIMANA YAKOREYE U RWANDA

**I. MU RWEGO RWA POLITIKI.**

— Muri Perezidansi ya Repubulika hakorwamo n'abakozi bize (intiti) kandi bakomoka mu turere twose tw'u Rwanda.

— Abaminisitiri dufite ubu bose ni intiti, kandi uturere twose dufite intebe muri Guverinoma. Ni abasore bafite ibitekerezo bihuje n'igihe tugezemo. Uretse ko uw'Ubutabera n'uwa FINANSI batangiye kubijundika.

— N'abasheshe akanguhe bakiri muri Guverinoma baracyafite ibitekerezo bizima kubera ko batigeze bajya mu nduruburi, aha navuga nka: ba Minisitiri NSANZIMANA Silivesitiri, na Andereya NTAGERURA. Bamwe mu bo basimbuye bagiye bananirwa akazi kubera jugujugu yo mu nduruburi.

— Muri MRND naho byagenze neza, umiganda warakozwe kandi watugejeje kuri byinshi. Uwabijyaho impaka ni uwaba atazirikana uruhare runini abaserire( ba MRND) bagize mu kubungabunga umutekano muri iki gihe cy'intambara. Gusa abaturage bose tumaze iminsi tuganira, barifuza ko abagize Komite Nyobozi ya MRND bagabanywa, kuko turi mu bihe bibi mu rwego rw'ubukungu. Minisitiri cyangwa Perefe ntavanwe kuri iyo mirimo ngo agumane imodoka ya Leta (ya MRND) iryoshye inahenda, imujyana aho yishakiye hose, agendera no kuri esansi ya Leta. Muri make barifuza ko MRND yavugururwa vuba kandi igakorwamo n'abakozi bake, kuko hari abemeza ko hari abahawemo akazi kubera ko bakinira ya Ekipe yitwa KIYOVU. Naho ku kibazo cy'inzu y'igorofa yubakwa ku Kimihurura abaturage bo ku Kicukiro bo baribaza impamvu ayo mafaranga ataguzwemo imiti, cyane cyane ko abantu basigaye bagwa mu bitaro kubera kubura imiti.

— Abaturage ba Kicukiro baribaza niba iriya nzu MRND yubakisha izigwamo n'abanyeshuri b'amashyaka yandi dutegereje mu minsi iri imbere, cyangwa niba rizegukanwa na MRND gusa.

— Itangwa ry'imirimo ryagenze neza, uretse ko ntawe uneza rubanda. Naho mu itangwa ry'imyanya mu mashuri yisumbuye, kimwe mu binengwa ni hariya bafata umwana w'i Gisenyi akoherezwa i Zaza (Kibungo) ngo niyicumbikire kandi ari umwana w'umukene, kandi n'i Gisenyi (iwabo) hari amashuri. Twizere ko bizakosorwa uyu mwaka. Bitabaye ibyo haba harimo icyo nakwita agahimano. Cyane cyane ko byagaragaye koabana b'abifite ari bo boherezwa hafi bakanacumbikirwa.

— Mu rwanda inzego z'ubutegetsi zegerejwe abaturage. Imbohe zitaweho buri gihe, kandi Perezida HABYARIMANA ntahwema kuzibabarira.

— Perezida HABYARIMANA yaserukiye u Rwanda incuro nyinshi na n'ubu agikomeza adushakira umubano n'amahanga.

— Ubishidikanyaho ni utariboneye ukuntu ibihugu by'incuti byatugobotse muri iyi ntambara twatejwe n'INKATA. Uretse MUSEVENI wadutetereje tutabimukekaho, kandi twari dukwiye kumva neza ko bibaho. Ninde uyobewe ko n'umwana wibyariye ashobora kukugambanira cyangwa kukwiyicira?

— Twazize ikizere twamugiriye, twoye kubitindaho niko bigenda ahubwo tumusabire kuri Rurema.

**MU RWEGO RW'AMAJYAMBERE**

— U Rwanda rwari rumaze gutera intambwe igaragara, ndetse ni imwe mu mpamvu yatumye ziriya Nkata zishaka kudutera. Ni ishyari bafite. Amazu meza kandi menshi yarubatswe hirya no hino mu Rwanda, imihanda ya kaburimbo ihuza umurwa mukuru n'andi maperefegitura hafi ya yose yari igiye kuboneka.

— Amashuri yarubatswe andi aragurwa, ndetse n'ayigenga yarubatswe aremerwa.

— Ikibazo gisigaye ni icy'amavuriro akiri make.

— Perezida HABYARIMANA komeza uwo murava, ntuzacibwe intege na bake bakurwanya. Rubanda nyamwinshi turagushyigikiye kandi tugufatiye iry'iburyo. Gusa, Perezida wa Repubulika akwiye kuzirikana ko mu gihe abaturage bagaragaje imikorere mibi y'ibyegera bye cyangwa abandi bategetsi, akwiye kubafatira ibyemezo vuba aho gukomeza kubarwaza.

**KABONABAKE Thomas.**

---

ko yamutsinze koko, ategeka ko nta ndege y'intambara ya Irak izongera kuguruka n'iyo yaba Kajugujugu.

**Ntibyashimishije Ingabo z'Igihugu cyacu.**

Bamaze kumva ko Guverinoma y'u Rwanda n'umutwe w'inkotanyi bamaze gushyira umukono ku masezerano ahagarikà imirwano, bamwe mu basirikari bajunguje umutwe .kubera umujinya. Uwo mujinya ufite ishingiro. None se amezi 6 barwana, barara rwantambi, bamaze gutsinda nibwo Guverinoma y'u Rwanda yibutse kumvikana n'inkotanyi zacitse ku icumu? Ingabo z'Igihugu cyacu se zaguye ku rugamba zazize iki? Abaturage bapfuye bishwe n'inyenzi cyangwa se bataye ibyabo bazapfa bahorewe?

Inkotanyi zabonye byose bizirangiranye, ziyemeza kugirana imishyikirano kandi ubundi zari zaranangiye. Umutwe zatetse wo kugirana imishyikirano na Guverinoma y'u Rwanda warazihiriye. Bwa mbere na mbere ntizasebye cyane. Kuko kugira ngo Guverinoma y'u Rwanda yemere kugirana imishyikirano nazo, ari uko yari izi ko nazo zitoroshye. Inkotanyi kandi zabonye n'uburyo bwo kubohoza abantu bazo n'ibyitso byazo. Icyo abantu batumva ni ukuntu Guverinoma y'u Rwanda yemeye ko inkotanyi zafatiwe ku rugamba zafungurwa n'ibyitso byazo.

Abantu bagambaniye igihugu ku mugaragaro, barashe ingabo z'igihugu n'abaturage barekurwa gutya gusa, muri gereza hagasigaramo umuntu wibye igitoki cy'umuturage ari ukubera inzara cyangwa se uwibye nk'amafaranga 200. Abantu benshi barasaba ko niba inkotanyi n'ibyitso byazo birekuwe, ko barekura n'abandi bose, gereza zigasigaramo ubusa. Naho ubundi ni akarengane.

Abaturage kandi bafite impungenge yuko inkotanyi n'ibyitso byazo nibaramuka barekuwe (nako bararekuwe)! bazategura ikindi gitero simusiga mu myaka iri imbere noneho bari ino. None se intwaro zari zuzuye muri Kigali zose zaratahuwe? None inkotanyi zaba zaratsinzwe urugamba rumwe gusa atari intambara?

**Jojo HAKIZAYEZU.**

## MUSEVENI ATI : « HARI IBICUCU MURI POLITIKI ». NONE YABA YARATUBWIRIYEMO NTITWUMVE?

Hari ijambo Radio Rwanda iherutse gutambutsa mu bihe bishize. Iryo jambo ni agace kamwe ka disikuru ya Perezida wa Uganda Yoweri MUSEVENI yabwiye abaturage b'i Butare igihe yari yaje gusura u Rwanda mu w'i 1986.

Muri iryo jambo, Perezida MUSEVENI yayobyaga uburari atwumvisha ko impunzi z'abanyarwanda baba muri Uganda zitazadutera. Twamuhaye amashyi menshi n'impundu. Ibyakurikiyeho ni twe tuzi aho bitugeze! Niyo atubeshya ariko ntadutuke. Cyane cyane aho atangira ngo: «There are some people who are ignorant politically ....». Aribyo bivuga ngo: «Hari abantu b'ibicucu muri politiki....». Natwe duhita tumuha amashyi, nyamara ntitumenye ko ari twe yavugaga.

Yaduhaye urugero rw'inyeshyamba ziva muri Sudani (Soudan) zigatera Uganda. Ati twarazitsinze, ariko ntitwahera aho dutera Soudani n'ubwo bwose izicumbikiye, ikanazifasha. Ati icyo twe ducunga ni imipaka y'igihugu cyacu gusa. Aho ntiyatubwiriyemo, ati n'ubwo Uganda ifasha inkotanyi, u Rwanda ntirwagombye gushyira Uganda mu majwi. Ni nk'aho yavuze ati: «mucunge imipaka yanyu, ibindi ntibibareba».

Ahandi abanyarwanda babaye «ignorant politically» ni uko ari twe twamufashije gukuraho Tito Okello. Hari ikosa riruta gufasha inyeshyamba (Museveni yari yo kugeza muri 86) kuvanaho ubutegetsi bwemewe n'abaturage ndetse n'amategeko? MUSEVENI hari igihe atararaga i Kigali muri Hôtel des Diplomates, tumushagaye? Reka atugaruke ni twe twamwikururiye. Yatweretse uburangare no kumwibeshyaho kwacu. Ntiyigeze se kuvuga ngo TITO Okello kuba ari Perezida wa Uganda ngo ni nk'uko wafata Sé ukamutereka ku ntebe y'Ubuperezida? Ubwo yashakaga kwerekana ko Tito Okello ari igicucu, atageze muri kaminuza nkawe. None n'abanyarwanda ngo ni «ignorant politically». Natwe erega tugakoma mu mashyi!

**Jojo HAKIZAYEZU.**

## DUKUMIRE URWAMBA RUTAMISHA

Amateka atanya iyo yibagiranye, ubumwe burasesekara; iyo agarutse ayo mateka arateranya. Mpanure abarwanashyaka bose ko atari inkotanyi zizatetereza u Rwanda gusa. Hari ubwiko buzasenya u Rwanda HABYARIMANA yabumbye. Ngabo z'u Rwanda, mwanze guha igihugu inkotanyi, nimube maso kuko ya mahoro ya HABYARIMANA atazagaruka uko twari tuyasanganywe. Ndabona inzigo ivuka mu bana b'abanyabwenge ngo ni amashyaka. Abaturage bakazira abize babateranya. Muti urahanura iki? Iyo nzigo izutse, izika abantu. Dore LUNARI irazutse kandi ifite imbunda (FPR) muzi aho itugejeje. Dore MDR (Parmehutu) izukanye impirita kandi izanye na rya bara ryayo umutuku uherekejwe n'umukara. Ishusho ryayo riri muri «Le Démocrate, Impirimbanyi ya Demokarasi».

Dore MRND irivugurura, ishusho ryayo rigaragara mu «MURWANASHYAKA» ukomatanya ibara ry'umutuku n'umukara! Bigahongerwa umutuku, umuhondo n'icyatsi, bitagira inuma (ariyo iranga amahoro iwacu). Muti ese igikuba kiri hehe? Abazi amateka barasanga uru Rwanda atari rweru! MDR yaduka yaranduye UNAR irayihashya, abarwanashyaka irabarambika, abenshi irabamenesha, bajyana inzigo, kuko bari agifite

umutwe, Umwami KIGERI V NDAHINDURWA.

KAYIBANDA aiya ku isonga, ahabwa intebe. MDR irasagamba, icecekesha andi mashyaka. Imfizi icugitira isi ngo ni Rugaju rwa Birahinduka. MRND yatsimbuye MDR muri 73.

Ubwo umutwe wa MDR uba uracitse. None MRND yari itumajije imyaka 17 y'amahoro, ibyo tubikesha Perezida HABYARIMANA. Uyu mukambwe yadufatiye runini, abaturage baramushima, n'ubwo abanyabwenge bamushinga ibikwasi. Kuva mu Ukwakira 1990, FPR, umvana wa LUNARI cyangwa LUNARI yahinduye isura, yateje intambara ngo ntishaka ubutegetsi buriho, ubwo iravuga MRND n'abayo bose, kugeza ubu kandi abanyarwanda bose bari mu Rwanda turi muri MRND dukurikije amategeko twitoreye. Abo bari hanze kandi ntibava ku izima.

Muti mbese mu Rwanda byifashe bite? Byo bizakara, bavuga ngo ibyitso by'inkotanyi, NYONI NYINSHI we aragatsindwa kuko utamenya ko ari inshuti cyangwa umwanzi. MDR irimo kuzuka, kandi irazukana KAYIBANDA n'abandi barwanashyaka bayo. Abo bakambwe bafite uburakari bwinshi kuko bapfuye nabi, imfubyi zabo, abakwe n'abakazana barimo kwisuganya, ngo MRND yakoze nabi.

MRND rero ni wowe ubwira, ukubwe na LUNARI na PARMEHUTU. LUNARI yo muragera imitsi, PARMEHUTU irimo irisuganya. Yitegure ko FPR izihorera. None rero banyarwanda, banyarwandakazi, nimubanze mwibaze aho LUNARI alias FPR na MDR Parmehutu ndetse na MRND ihinduye isura bishaka kubageza.

MRND itarahindura isura tuzi ibyo yatugejejeho. U Rwanda rumenye ko aho «amapfizi arwaniye, nta twatsi tuhasigara»! Ayo mapfizi: MRND, FPR, MDR n'agasekurume UPR, birashaka kutugeza kuki? Simvuze ko MRND igumaho yonyine. MRND ifite intwaro kuko Umugaba wayo ari n'Umugaba w'ingabo. FPR ifite intwaro n'ingabo, nizo zatumenyesheje ko iriho. MDR ntizazishaka? Mbibutse ko ntawe ushimisha bose, n'abasirikari bamwe batishimye bashobora kubenguka MDR, bakabenga MRND. Reka rero dukumire urwamba rutaramisha!

**Ngire icyo mbaza Perezida HABYARIMANA**

Milita Perezida, usheshe akanguhe kandi nturahwema mu guharanira icyateza u Rwanda imbere. Mu ntego zawe harimo amahoro n'ubumwe, bityo bikagera ku majyambere. Ndatsimbarara ku mahoro ubwo tuzi ko uri «umugabo w'amahoro» kandi amahoro tukabona amaherezo azaduca mu myanya y'intoki, nta kuntu politiki y'u Rwanda ruzagenderaho yamera nk'iy'igihugu cya Israël. Niba Perezida atajya hejuru y'amashyaka, ntatorwe ngo ategeke, ahubwo kuko ariho akaguma ku isonga ayobora abo ategeka, bakamwiyambaza bibaye ngombwa, bityo akaba au dessus de la mêlée des partis. Muzi ko muri Isiraheli utegeka ari Premier Ministre, utorwa n'abaturage aturutse muri rimwe mu mashyaka. Akagira mandat ye, yashira amashyaka agatanga abandi ba candidats bayo, urushije undi amajwi agategeka.

Hari rero na Perezida udatorwa uriho, HALIM HERZOG, kugira ngo amashyaka nagira icyo atumvikanaho, yiyambaze Perezida. ubwo rero twe abaturage twatora, niba twemeye ko ukomeza kuba Perezida, ukayobora. Nyuma tukazatora premier Ministre uzategeka, agashyiraho na Guverinoma ye. Mandat ye yarangira, abarwanashyaka bakongera bakiyamamaza, bakanatora, utowe agategeka. Icyo gihe twanasaba ko na MRND na MDR bihindura amazina n'ibitekerezo. Kuko igaruka ry'ayo mazina riragarura inzigo. Ndetse no guhindura amazina, ibitekerezo ntibihinduke, bimena amaraso. Urugero ni nka FPR. Jye ndabona ariko twakumira uru rwamba ntirumishe. Ku mutwe w'igihugu hagomba amahoro, apana amacagutatu.

LA REDACTION

DUSHIMIRE BAMWE MU BANYARWANDA BAHERUTSE KUJYA MU BUTUMWA MURI AFRIKA Y'EPFO (Afrique du Sud), BAKABA BARANZE GUTAHA BADASUYE UMWIRABURA DUKUNDA WABABAJWE NA BA GASHAKABUHAKE B'ABAZUNGU. MUTI ESE NI NDE? NI WA MUKAMBWE MANDELA. BAMWE MU BAGIYE IWE KUMUSURA, NAVUGA NKA KIJYANA **SINGAYE ANDEREYA,** UMUCURUZI UKOMEYE (ukize) I GISENYI, UWITWA **GASITONI** WO MU RUHENGERI, DOGITERI **NDEGEYA ANTONI** C/O OPROVIA, N'ABANDI. USHAKA KUREBA IFOTO BIFOTORANIJE NA MUZEHE MANDELA YAYAKA SINGAYE ANDEREYA.